UBURYO BWO KWIREBA UKORESHEJE TELEFONE

1. Jya ahandikwa ubutumwa bugufi

2. Andika ijambo **NEC** usige akanya ukurikizeho **nomero y'indangamuntu** yawe, usige akanya wandike **itariki y'amavuko**(imibare gusa)

Urugero: NEC 198070005522023 09081980

3. Ohereza kuri "**7505**"

4. Urahita ubona ubutumwa bugufi bwanditseho umwirondoro wawe

UBURYO BWO KWIYIMURA UKORESHEJE TELEFONE IGENDANWA

1. Jya ahandikwa ubutumwa bugufi

2. Andika ijambo **kwimuka** usige akanya ukurikizeho **nomero y'indangamuntu** yawe, usige akanya wandike **itariki y'amavuko**(imibare gusa), usige akanya wandike **akarere** wimukiyemo, usige akanya wandike **Umurenge** wimukiyemo, usige akanya wandike **akagali** wimukiyemo, usige akanya wandike **umudugudu** wimukiyemo

Icyitonderwa: Iyo umudugudu wawe witiranwa nundi biri mu kagali kamwe, usage akanya wandike umubare ubitandukanya

Urugero: **Kwimuka 198070005522023 09081980 Kicukiro Nyarugunga Kamashashi Akindege 2**

3. Ohereza kuri "**7505**"

UBURYO BWO KURI INTERNET

Iyi "System" ifasha abanyarwanda bari mu gihugu n'abari mu mahanga gusuzuma ko banditse ku ilisiti y'itora no kwiyimura aho banditse ku ilisiti y'itora.

By'umwihariko ku bari mu mahanga ibafasha kwiyandikisha ku ilisiti y'itora kubasanzwe batayanditseho.

Kugirango wemererwe gukoresha ubu buryo twavuze hejuru ugomba kubanza kwiyandikisha (gufungura "account").

UBURYO BIKORWA

GUFUNGUZA "ACCOUNT"

- Kwinjira ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'amatora (www.nec.gov.rw) ugakanda ahanditse "*check voter list"/ilisiti y'itora*
- Gukanda ahanditse "Login", ugakanda ahanditse "voter"(utora), ugakurikizaho gukanda ahanditse "create new account" nyuma ukuzuza imyirondoro ahabugenewe, ugakanda kuri 'ohereza

GUSUZUMA KO WANDITSE KURI LISITI Y'ITORA

- Kwinjira ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'amatora (www.nec.gov.rw) ugakanda ahanditse "check voter list"/ilisiti y'itora
- Gukanda ahanditse "Login", ugakanda ahanditse "voter"(utora), ukuzuza 'email' na 'password' ahabugenewe, ugakanda ahanditse "kwireba kuri lisiti", ukuzuzamo ibisabwa, nyuma ugakanda kuri "search". Uhita ubona aho wanditse kuri lisiti y'itora.

KWIYIMURA KURI LISITI Y'ITORA

- Kwinjira ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'amatora (www.nec.gov.rw) ugakanda ahanditse "check voter list"/ilisiti y'itora
- Gukanda ahanditse "Login", ugakanda ahanditse "voter"(utora), ukuzuza 'email' na 'password' ahabugenewe, ugakanda ahanditse "kwiyimura kuri lisiti", ukuzuzamo ibisabwa, nyuma ugakanda kuri "Transfer".

KWIYANDIKISHA BWA MBERE KURI LISITI Y'ITORA (Bireba abanyarwanda baba mu mahanga)

- Kwinjira ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'amatora (www.nec.gov.rw) ugakanda ahanditse "check voter list"/ilisiti y'itora
- Gukanda ahanditse "Login", ugakanda ahanditse "voter"(utora), ukuzuza 'email' na 'password' ahabugenewe, ugakanda ahanditse "apply online", ukuzuzamo ibisabwa, nyuma ugakanda kuri "send".
- Nyuma yo kwemezwa n'urwego rwa ambassade, dosiye yawe yoherezwa muri Komisiyo y'Igihugu y'amatora igasuzumwa.
- Nyuma yo kwemezwa na Komisiyo y'Igihugu y'amatora, uzoherezwa icyemezo kikwemerera gutora uzitwaza ku munsi w'itora.

N.B: Ku banyarwanda baba mumahanga basabwa gutanga inzandiko (recommendation) eshatu zashyizweho umukono n'abahagarariye Kominote Nyarwanda babarizwamo.

Urwo rwandiko (recommendation form) mwayisanga ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'amatora (www.nec.gov.rw).